



# GANA HEZA

CCOAIB's NEWSLETTER/09/ 10/2017

## NTA BUVUGIZI BUTIVUGANIRA

**M**u mpera z'Ukwezi kwa Nzeli 2017, Ihuriro CCOAIB Mryateguye ibiganiro byahuje bamwe mu bagize imiryango itari iya leta iharanira inyungu rusange ikorera mu ntara eshanu zigize igihugu cy'u Rwanda.

Ibi biganiro byibanze ku itegeko ryo kuwa 17/02/2017 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango Nyarwanda itari iya leta.

Nyuma ya Musanze, Rubavu na Huye, ibyo biganiro byasorejwe mu karere ka Rwamagana ku itariki ya 27/09/2017. Si imiryango igize ihuriro CCOAIB gusa yaje muri ibyo biganiro, ahubwo hanyongeyeho indi ikorera muri izo ntara uko ari enye.

Nkuko bizwi, iyi miryango igengwa n'itegeko numero 04/2012 ryo kuwa 17/02/2012 ariko bikaba biteganywa ko rigomba kuvugururwa mu gihe cya vuba. Mu gihe ibi bitaraba CCOAIB yifuje ko iyi miryango yaganira kuri iri tegeko ingingo ku yindi kugira ko niba hari izitakijyanye n'igihe zibangamiye imikorere y'iyi miryango, zivugururwe. Hari n'ingingo zitagize icyo zitwaye ahubwo zibereye imikorere y'iyi miryango. Izi zo zikwiye kutagira icyo zihindurwaho zikagaruka muri iryo tegeko rizasimbura irigenga iyo miryango muri iki gihe.



*Itsinda ryunguranye ibitekerezo mu ntara y'i burasirazuba*

Mu biganiro byabereye aho hose, hari ingingo wasangaga benshi bahuriyeho, tukaba tugira ngo tubagaragarize zimwe muri zo mu gihe dutegereje ko hazategurwa ikiganiro ku rwego rwaguye kugira ngo abazaba bagihuriyemo bazategurire hamwe ubuvugizi bugomba kuzakorwa, hagaragazwa ingingo zikwiye kuvanwamo ntizizagaruke mu itegeko rishya ndetse n'izikwiye kuvugururwa zikanozwa.

Mu mirongo ikurikira, turagira ngo tubagezeho bimwe mu byahuriyeho na benshi, byaba ibyashimwe bikwiye kugaruka mu itegeko rishya ndetse n'ibyanenzwe, benshi bakaba baragaragaje ko byaba byiza bitagarutse mu itegeko rishya risimbura iriraho ubu.

### 1. Zimwe mu ngingo abitabiriye ibiganiro bakomeyeho basanga zaguma muri iri tegeko.

• Ingingo ya 40 ivuga ko imiryango itari ya leta isanzwe ifite ubuzimugatozi itongerera kubusaba. (Byarashimwe)

• Ingingo ya 28 ivuga ko umuryango Nyarwanda utari uwa leta ufite uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo mu itegerwa rya politiki n'amategeko yerekeye imikorere y'imiryango nyarwanda itari iya leta, gushigikira no guteza imbere uburenganzira bwa muntu, kurengera no guteza imbere uburenganzira bwa muntu n'ibyiza by'igihugu, gutanga ibitekerezo no kugaragaza ibyifuzo byayo kuri politiki z'igihugu no ku mategeko, kugirana

amasezerano n'indi miryango ndetse n'izindi nzego, gusonerwa imisoro n'amahoro hakurikijwe amategeko abigenga, kugira uburenganzira ubuvanganzo, ibihangano no ku bikorwa byawo byose bijyanye n'itegeko zawo. (Byarashimwe)

• Ingingo ya 12 ivuga ko leta iteganya mu ngengo y'imari yayo amafaranga agenewe gutera inkunga imiryango nyarwanda itari iya leta. (Byarashimwe)

### 2. Zimwe mu ngingo abari mu biganiro basanga zikwiye gutekerezwaho ndetse ntizizagaruke mu itegeko rishya.

• Ingingo ya 15, ivuga ko imiryango igamije inyungu z'abanyamuryango bayo na fondasiyo bishobora gutangira gukora bitariyandikisha, mu gihe imiryango itari iya leta yo igomba kwiyandikisha mu rwego rufite mu nshingano zarwo kwandika, gutanga ubuzima gatozi no gukurikirana imikorere y'imiryango nyarwanda itari iya leta mbere yo gutangira ibikorwa. (Ntibyashimwe)

• Ingingo ya 38 ivuga ko imiryango nyarwanda itari iya leta iteganya gukoresha ibiganiro mu nama y'inteko rusange igomba kumenyeshya mu nyandiko inzego z'ibanze n'izishinzwe umutekano aho zizabera (Ntibyashimwe).

Nkuko bigaragara, izi ni ingingo nke tuvuzeho kuko iri tegeko numero 04/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango itari iya leta rigizwe n'ingingo 43 zose.

CCOAIB yishimira kuba yarashoboye guhuza imwe mu miryango itari iya leta ikorera mu ntara hafi ya zose z'u Rwanda, abitabiriye ibiganiro bakaba barunguranye ibitekerezo kuri iri tegeko, abatari barisobanukiweho bakamenya byinshi ku miterere yaryo, rigasesengurwa ingingo ku yindi.

Turizera ko mu biganiro bizakorwa mu minsi iri imbere ku rwego rwaguye, ibitekerezo bizakusanywa bizaba bitanga ishusho ihamye ry'icyo iyi miryango yifuza nk'itegeko riyigenga. Ibi si ukwivanga mu bitayireba kuko ubu burenganzira ibufite.

CCOAIB irashishikariza imiryango itari iya leta gukoresha ubu burenganzira igahora itanga ibitekerezo kandi ikabikora mu bwisanzure. Irasaba iyi miryango kuba umufatanyabikorwa usesengura, ushishoza, utagendera ku byo atekereza cyangwa yifuza, ubuvugizi bugakorwa hashingiwe ku nyigonyubushakashatsi bwagaragaje ibintu bifatika (advocacy evidences based). Iyi yo nyine niyo nzira, niyo myitwarire y'umuryango utari uwa leta, wifuza kuba umufatanyabikorwa ugamije imiyoborere ikwiye.

Ubu yasozaga ibiganiro byabereye mu karere ka Rwamagana, anasozaga icyiciro cyambere cy'ibi biganiro, Umunyambanga Nshingwabikorwa wa CCOAIB bwana Ngendandumwe Jean Claude yagize ati: "Duterwa ishema nuko ubuvugizi dukora kuri politiki za leta bugenda butanga umusaruro, ariko biranakwiye ko dukwiye kugira uruhare mu ishyirwaho ry'amategeko atugenga, kuko nta buvugizi butivuganira".

Ese wa mugani, tuvuganira abandi twe tutivuganira? Ubu burenganzira bwo gutanga ibitekerezo dusanga mu ngingo ya 28 y'iri tegeko twaba tubukoresha uko bikwiye, cyangwa se ahubwo turarebera, tukaba indorezezi zirirana n'abariya nyamara twarizewe nk'abafatanyabikorwa mu miyoborere ikwiye.

**Benoit Ndirikiye | INFODOC-CCOAIB**